

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAMU JEANNETTE**

**KAGAME**

**MU MWIHERERO WA UNITY CLUB INTWARARUMURI**

**INGORO Y'INTEKO ISHINGA AMATEGEKO,**

**KU WA 6 UGUSHYINGO 2020**

**Ba Nyakubahwa,**

**Bavandimwe – Ntwararumuri,**

Mwaramutse neza!

Mbanje kubasuhuza mbashimira ko mwitabiriye uyu mwiherero w'abanyamuryango.

Umuryango Unity Club kandi, twongeye kwishimira kwakira Abanyamuryango 23 twungutse muri uyu mwaka. Tubahaye ikaze, murisanga mu Ntwararumuri.

**Kubaakiira** uyu muni, biratuma natwe twese twongera kwiyibutsa umwihariko wacu mbere y'ibindi byose.

**Banyamuryango Ntwararumuri,**

Twatangiye umuryango wacu turi itsinda ry'abagore, bahujwe n'uko abo twashakanye, bari mu nzego z'ubuyobozi zitandukanye.

Dutangira uyu muryango kandi, twifuzaga gufatanya na Leta y'ubumwe yari ivutse mu ishavu, itorohewe n'ingaruka zikomeye za Jenoside, urwikekwe, no kutizerana.

Iyo bikomeza bityo ntabwo nibaza uyu munsu ahantu twari kuba turi!

Twari tugamije guharanira kunga ubumwe, cyane ko twari tumaze kubona ko, iyo amacakubiri no kwishishanya bishyizwe imbere n'umuyobozi, bitera ingaruka zikomeye kandi z'igihe kirekire.

Umuryango wacu urimo abagize Guverinoma n'abo bashakanye, waba ukiri mu nshingano za Guverinoma cyangwa waragiye mu zindi. Twese turi umwe, tukagira uburenganzira bumwe, igihe cyose n'ahantu hose muri uyu muryango wacu.

Dufite kandi ihame rishimangira ko *iyo ubaye umunyamuryango, ukomeza kuba we igihe cyose.*

## **Banyamuryango,**

Mu nshingano zacu nk'Intwararumuri, nk'abayobozi by'umwihariko; twiyemeje gushyira imbere Ubunyarwanda, Abanyarwanda n'u Rwanda - nk'isano iruta izindi zose.

Twiyemeje kuba Intwararumuri! Urumuri rudukura mu mwijima, kuko aho umwijima uri hangirika byinshi.

Twemeye kugendana uru rugendo rutoroshye turi umwe, kandi tumaze kubona ko twunguka cyane iyo dushyize hamwe. Ntidukwiye rero kwihanganira na rimwe, ibitekerezo bigamije gusenya Ubunyarwanda, n'ibyo tumaze kugeraho.

Umunyamuryango wa Unity Club akwiye gushyira Umunyarwanda imbere! Agakora neza inshingano zigamije kumuteza imbere, ku giti cye, umuryango, n'igihugu muri rusange. Kugira ngo hatagira uburenganzira bw'uwo ari we wese buhutazwa, kuko bishobora gutuma Umunyarwanda tumurikiye yumva ahejwe.

Nk'Umunyarwanda, umunyamuryango wa Unity Club by'umwihariko, twemera ko gukomera ku gihugu cyacu twunze ubumwe, ari cyo kiraro kizatwambutsa tukarenga amacakubiri n'imatekerereze iciriritse.

### **Banyamuryango Ntwararumuri,**

Nkurikije ibyasabwe mu ihuriro rya 13, nkareba ibikibangamiye ubumwe n'ubwiyunge, ndumva ari ngombwa ko hari ibyo tugomba guhozaho ijisho n'umutima bijyanye na mission (nakwita umuhamagaro wacu) ya Unity Club- Intwararumuri:

- Dukomeje kubona abakoresha ikoranabuhanga, kugira ngo bagoreke amateka yacu, kandi bagamije gusenya ubumwe n'Ubunyarwanda.

Nk'abanyamuryango, iryo koranabuhanga tuririho, turarikoresha, tuzi ukuri kandi twabonye umusaruro wo kuvugisha ukuri, kubana neza no kwimakaza Ubunyarwanda.

Hakenewe ko urwo rumuri twabonye, turujyana muri iryo koranabuhanga, tukamurikira abarikoresha kugira ngo bamenye ukuri.

- Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge igaragaza ko hakiri imbogamizi zirimo kutemera identite y'Ubunyarwanda, gushyira imbere ivangura, guhohotera abarokotse Jenoside, kugoreka amateka yacu, guhisha no kwangiza ibimenyetso.

Ibi byose birakomeza kutwibutsa ko umuntu ari mugari koko! Dukomeze gushyira imbaraga muri gahunda zo kwigisha Ubunyarwanda, gahunda z'isanamitima, kandi tukita cyane cyane ku mwihariko w'abato.

Nk'uko nabigarutseho ubushize, mu buzima bw'umuntu, yishimira kugira aho avuka cyangwa aturuka, ariko ni ngombwa kurenga ibyo, ukareba inyungu rusange y'abantu ndetse n'igihugu cyawe. Hari indirimbo ibisobanura neza igira iti: **“Nyina w'umuntu yarahebuje, igihugu cyawe kikaruta byose.”**

## **Ntwararumuli, Bavandimwe!**

Ibi ntabwo ari ubwa mbere tubiganiriye. Ariko iyo tugize umwiherero nk'uyu biba byiza ko tubigarukaho.

Murabizi ko mu buzima busanzwe, amazi n'urumuri ntibibangikana ngo bibeho.

Nyamara iyo urebye:

- Ubunyarwanda ni isôoko tuvomamo isano-muzi yacu.
- Ni urumuri rudususurutsa, si ikibatsi kidutwika !
- Ni urumuri rutumurikira, maze abarwose rukabarinda gutsikira no kuyoba, mu rugendo rwiza twiyemeje.
- Ni urukingo ruhora ruzamura ubudahangarwa bwacu kugira ngo tudatatira igihango cya Ndi Umunyarwanda.

Dukomeze gutwara neza urwo rumuri, Abanyarwanda barubone, barukunde kandi barukurikire.

**Murakoze!**

**Tugire umwiherero-ngiro!**